Republic of Rwanda
City of Kigali

# URUHUSHYA RWO KUBAKA

**No. :**
**COK-OSC/000323/2016**

**No. YA REF. Y UMUSHINGA:**KCPS-CP-AAA014084

**IMIRIMO YEMEWE**:PROPOSED CONSTRUCTION OF HEALTH CENTER AND GUEST HOUSE
**MU KIBANZA No:**1576 **GIHEREREYE:**Kicukiro / Nyarugunga / Kamashashi / Indatwa

**NAMES:** Mr. SANG HOON LEE

Uruhushya rw'umwimerere rugomba guhora aho imirimo y'ubwubatsi ikorerwa; fotokopi ntizemewe. Imbata z'inzu (Plans) zemejwe zigomba guhora ku kibanza mu gihe cy'imirimo y'ubwubatsi. Uru ruhushya ntiruhererekanywa. Guhindura inyubako mu buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa kunyuranya n'imbata z'inyubako zemejwe bigomba kubanza gusabirwa uruhushya ku rwego rw'Umujyi wa Kigali.

Igihe cyose uwubaka anyuranyije n'ibiteganyijwe n'imbata y'inyubako yemejwe ashobora gukurikiranwa mu buryo bw'amategeko kimwe n'uko uruhushya rwo kubaka cyangwa icyemezo cyo gutaha inyubako yahawe bihita biseswa cyangwa agasabwa guhita asenya ibyo yongeye ku nyubako bitari biteganyijwe.

Uwubaka agomba kubahiriza ibiteganywa n'itegeko n°10/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rigena imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda, Igishushanyo Mbonera cy'Umujyi wa Kigali n'amategeko, amateka n'amabwiriza bigenga imikoreshereze y'ubutaka n'imyubakire mu Rwanda hamwe n'ibisabwa n'Icyemezo cy'isuzumangaruka ku bidukikije (EIA) ku bo bireba.

Uwubaka agomba kuzitira no gushyira icyapa ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi, kwereka itsinda ry'ubugenzuzi bw'ishyirwa mubikorwa ry'igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali raporo y'ubugenzuzi bw'imirimo y'ubwubatsi (Building Supervision report). Uwubaka agomba gutanga ubwishingizi bw'abakozi no kuriha ntagahato ibyakwangizwa byose biturutse ku mpanuka zaterwa n'imirimo y'ubwubatsi (harimo n'urupfu) zagera ku bantu cyangwa imitungo y'abandi. Agomba kandi kwishingira isuku y'ahakorerwa imirimo yirinda ko hashyirwa imyanda, amazi y'imvura yateza isuri akanirinda ko imirimo ye yakwangiza ibikorwa remezo rusange by'Umujyi byegereye aho yubaka.

Hashingiwe ku ingingo ya 29 y'itegeko n°10/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rigena imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu Rwanda, uru ruhushya rufite agaciro mu gihe cy'imyaka ibiri uhereye itariki rutangiweho.

DONE AT KIGALI, ON 30 / 08 / 2016

Fred MUGISHA

UMUYOBOZI W'ISHAMI RY'IMITUNGANYIRIZE Y'UMUJYI N'IMITURIRE MU MUJYI WA KIGALI